

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madame Jeannette
KAGAME**

KU MUNSI WAHARIWE GUSOMA

Kigali, ku wa 23 Mata 2010

- **Nyakubahwa Ministre,**
- **Banyacyubahiro muteraniye hano,**
- **Bana bacu,**

Mwaramutse ?

Uyu muni ni umuni mpuzamahanga wahariwe gusoma niyo mpamvu twifuje kuganira n'abana ku muco wo gusoma. (*interaction with kids*)

Ese mukunda gusoma?

Ni nde watubwira agatabo yaba yarasomye usibye ibitabo byo mu ishuri?

Wasomye iki cyagushimishije?

Ni irihe somo mukuye mu nkuru amaze kutubwira (*question to all kids*).

Gusoma birashimisha kandi ni ingirakamaro “Reading is FUNdamental”- Niyo mpamvu yatumye uyu muni tuwuharira kwigisha no gukangurira abana bacu gusoma. Ndagira ngo mbanze nshimire abana bose bari hano ndetse n'amashuri baturutsemo. Sinakwibagirwa kandi no gushimira abo twafatanije mu gutegura uyu muni.

Bana bacu rero, gusoma ni inkingi y'ubumenyi kandi bituma ubwonko bukura neza. Gusoma, ntibisaba ubukungu bwinshi, ntibisaba kuba utuye mu mujyi cyangwa se kuba wiga mu ishuri rifite isomero "bibliotheque".

Gusoma bisaba, kubikunda kandi hakiri kare. Bisaba kugira amatsiko yo gushaka kumenya, mugasoma ibijyanye n'amasomo yanyu ndetse n'ibindi byabashimisha kandi mwavanamo ubumenyi.

Imbuto Foundation, muri gahunda yayo yo kubaka ubushobozi mu rubyiruko, yateguye uyu munsi, kuko isanga umuco wo gusoma ukiri hasi cyane, mu gihugu cyacu. Tugasanga rero ari ngombwa ko abana babitozwa bakiri bato. Bakamenya gusoma ibitabo bitandukanye, ibinyamakuru, internet n'ibindi. Ndizera ko muva hano mufite inyota yo gusoma kandi mukazayikomeza, ndetse mukayanduza n'abandi.

Babyeyi namwe barezi muri hano, cyangwa se muduteze amatwi, natwe ubwacu dukwiye kubanza kugira umuco wo gusoma. Uburyo twitwara n'uko tubaho, abana bacu babireberaho. Niba tudafite umuco wo gusoma, kubishishikariza abana bacu bakiri bato, byatugora.

Kandi niba tudasoma ntituzabasha gufasha abana kumenya guhitamo ibyo basoma, ibyo bikaba byagira ingaruka mbi mu burere bwabo.

Gufasha abana gukunda gusoma ntibigoye, ndagira ngo ntange zimwe mu nama kandi zakorohera ababyeyi:

- Icarana n'umwana musoma, nibura iminota 30 ku munsi,
- Shakisha, umenye ibyashimisha kandi bikagirira umwana akamaro mu gusoma.
- Gerageza kugurira umwana igitabo cyo gusoma, nibura rimwe mu gihembwe.
- Fata umwanya ku munsi, ubwira abana inkuru waba warasomye, nabo bakubwire iyo basomye. Bizabubaka kandi bibakundishe nabo gusoma.
- Hitamo umunsi umwe mu cyumweru, ujyane abana gusoma, ahashobora kuboneka amazu y'isomero.

Sinakwirengagiza ko tugifite ahantu hake hashobora kuboneka ibyafasha abana gusoma, ariko uko tugenda twiyubaka nibaza ko ari ibintu inzego zose zigomba gushyiramo ingufu kuko uburezi bw'abana bacu ariyo nkingi y'iterambere ry'igihugu.

Amashuri ndetse n'inzego z'urubyiruko mu duce twose nazishishikariza gushyiraho gahunda yo kugira isomero, bityo bigafasha abana n'ababyeyi bari muri ako gace. Hari n'abana bafite ababyeyi batazi gusoma, ayo masomero yafasha.

Mbifuriye guhora mufite inyota yo gusoma, kuko bishimisha, *kandi ni ingirakamaro-* **“Reading is FUNdamental**

Mugire umunsi mwiza